



Icyigisho cya 6 cyo
ku wa 8 Kanama 2026

IMPANO ZA MWUKA

"Mushimikire urukundo kandi
mwifuze impano z'Umwuka, ariko
cyane cyane mwifuze guhanura"
(1 Abakorinto 14:1)




Biragaragara ko itorero ry’i Korinto ryarimo ibice ku ngingo zitari zimwe. Ntibavugaga rumwe ku birebana n’ababwiriza, ku bijyanye n’uko barya, ku bijyanye no gushaka cyangwa kudashaka, no ku bijyanye n’impano za mwuka zikwiriye guhabwa iya bukuru kurusha izindi.

Pawulo amaze gusubiza ibibazo bya mbere, yagaragaje uburyo impano z’umwuka zitakabaye ikibazo ahubwo zikaba uburyo bwo kugera ku bumwe (1 Abakorinto 12–14).

Ni iyihe mpano ihebuje kuruha izindi? Ntayo! Kubera iki?



Impano za mwuka:

-  **Impano nyinshi, zitangwa n’ Umwe.**
-  **Ingingo nyinshi, umubiri umwe.**



Ikintu gihūza:

-  **Uguhebuza k’urukundo.**



Impano zidasanzwe:

-  **Impano yo kuvuga indimi.**
-  **Impano yo guhanura.**

IMPANO ZA MWUKA



IMPANO NYINSHI, ZITANGWA N'UMWE

"Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe" (1 Abakorinto 12:4)

Ni nde utanga impano za mwuka? (1 Abakorinto 12:4–6)



1 Abakorinto 12:4	Hariho ubwinshi bw'	impano	Umwuka	ni umwe
1 Abakorinto 12:5		uburyo bwo kugabura	Umwami	
1 Abakorinto 12:6		uburyo bwo gukora	Imana	

Impano za mwuka

Utanga

Kugira ngo Pawulo adufashe gusobanukirwa isano iri hagati y'impano za mwuka n'Uzitanga, akoresha imvugo eshatu kugira ngo azigaragaze, yerekane ubudasa bwazo: impano, kugabura, n'imikorere.

Ariko, Utanga ni Umwe: Umwuka [Wera], Umwami [Yesu], n'Imana [Data]. Ni ukuvuga: Imana ikorera mu bumwe (Yohana 14:1).



Ariko Imana ntabwo itanga impano nk'"imana" z'Abagereki n'Abaroma (1 Abakorinto 12: 2). Nta sumbwe, cyangwa guhitamo urwego rw'abahabwa impano (urugero: abatambyi).

IMPANO NYINSHI, ZITANGWA N'UMWE

"Icyakora hariho impano z'uburyo bwinshi, ariko Umwuka ni umwe" (1 Abakorinto 12:4)

Kuki Imana itanga impano zitari zimwe ku bantu batandukanye? (1 Abakorinto 12:7)

Impano za mwuka zikoreshwa "ku bwo kungura" itorero. Imana yonyine ni Yo izi abantu bashobora gukoresha impano runaka kugira ngo bagere kuri iyo ntego.



Ni izihe mpano Pawulo atanga nk'ingero, mu zindi nyinshi ziriho? (1 Abakorinto 12:8–10; Abaroma 12:6–8; Abefeso 4:11–12)

1 Abakorinto 12:8–10

- ✓ Ijambo ry'ubwenge
- ✓ Ijambo ryo kumenya
- ✓ Ukwizera
- ✓ Gukiza indwara
- ✓ Gukora ibitangaza
- ✓ Ubuhanuzi
- ✓ Kurobanura imyuka
- ✓ Kuvuga indimi
- ✓ Gusobanura indimi

Abaroma 12:6–8

- ★ Kugabura
- ★ Kwigisha
- ★ Guhugura
- ★ Kugira ubuntu
- ★ Ubuyobozi
- ★ Impuhwe

Abefeso 4:11–12

- ♥ Kuba intumwa
- ♥ Ivugabutumwa
- ♥ Abūngeri n'abigisha

INGINGO NYINSHI, UMUBIRI UMWE

"Nk'uko umubiri ari umwe ukagira ingingo nyinshi, kandi nk'uko ingingo z'umubiri zose, nubwo ari nyinshi ari umubiri umwe, ni ko na Kristo ari." (1 Abakorinto 12:12)



Imana ni imwe, ariko buri Wese mu Bagize Ubumana afite umurimo We. Mu buryo nk'ubwo, itorero ni rimwe, ariko buri wese mu barigize afite umurimo we nk'urugingo rw'umubiri wa Kristo ku Isi (1 Abakorinto 12:12–13).

Pawulo akoresha ikigereranyo cy'umubiri w'umuntu nk'itorero kugira ngo agaragaze ubumwe mu budasa. Ijisho rifite "impano" yo kubona, ariko ugutwi ntabwo kuyifite. Ariko, byombi biruzuzanya mu gukorera hamwe. Mu buryo nk'ubwo, mu itorero, buri muntu akora umurimo we hakurikijwe impano yahawe (1 Abakorinto 12:28-30).



Ibi bivuze ko buri wese akenewe; ko nta muntu uruta undi; ko buri wese agomba kwita neza y'abandi; kandi ko buri wese agomba guharanira ubumwe bw'itorero (1 Abakorinto 12:15–27).



IKINTU GIHŪZA



UGUHEBUZA K'URUKUNDO

"Ariko nimwifuze cyane impano ziruta izindi. Nyamara dore ndabereka inzira irushaho kuba nziza." (1 Abakorinto 12:31)

Icyo urukundo rukora

Icyo urukundo RUDAKORA

Urukundo si impano, ahubwo ni "inzira ihebuje" (1 Abakorinto 12:31). Ni imbuto y'Umwuka Wera mu mibereho y'uwigizera (Abagalatiya 5:22). Impano za mwuka zishobora gukoreshwa neza gusa binyuze mu rukundo.

Rurihangana

Rugira neza

Rwishimira ukuri

Rubabarira byose

Rwizera byose

Rwiringira byose

Rwihanganira byose

Ntirugira ishyari

Ntirwirarira

Ntirwihimbaza

Ntiruhutiraho

Ntirushaka ibyarwo

Ntirwihutira kurakara


Ntirugira inzika

Ntirwishimira gukiranirwa

Impano yo kuvuga indimi, idafite urukundo, ni "umuringa uvuga cyangwa icyuma kirenga." Impano yo guhanura, iyo kumenya, n'iyi kwizera, zidafite urukundo, ntacyo zamara. Impano yo kugira ubuntu n'iyi kurenganyirizwa gukiranuka, zidafite urukundo, ntacyo zimaze (1 Abakorinto 13:1–3).

1 Abakorinto 13:4–7 hatanga inama nziza ku buryo bwiza mu gukoresha impano za mwuka :

IMPANO ZIDASANZWE



IMPANO YO KUVUGA INDIMI

"Nuko uvuga ururimi rutamenyekana asabe, kugira ngo ahabwe no gusobanura." (1 Abakorinto 14:13)


Pawulo yashimangiye impano yo kuvuga indimi no kuyikoresha neza, bigaragaza ko yakoreshwaga nabi n'abagize itorero ry'i Korinto, bigatera akaduruvayo n'urujijo mu materaniro yo kuramya (1 Abakorinto 14:23).

Impano yo kuvuga indimi ni ubushobozi bwo kuvuga indimi z'abantu cyangwa iz'abamarayika, zivugwa n'utazizi (1 Abakorinto 13:1). Iyo uru rurimi rutazwi n'uwumva, rukenera gusobanurwa (Ibyakozwe 2:8; 1 Abakorinto 14:2, 13–14, 27–28).

Icyifuzo cya Pawulo cy'uko abantu bose bagomba kuvuga mu ndimi cyasobanuwe nabi n'abatekerezwa ko twese twagombye kugira iyo mpano (1 Abakorinto 14:5).



Mu kuri, iki cyifuzo gikubiyemo impano zose (1 Abakorinto 14:1). Pawulo yari yamaze gusobanura neza ko “umuntu wese ahabwa ikimwerekanaho Umwuka kugira ngo bose bafashwe” (1 Abakorinto 12:7). Kubw'ibyo, ntabwo buri wese ahabwa impano nk'iz'undi.




IMPANO YO GUHANURA

“Ariko uhanura we abwira abantu ibyo kubungura n’ibyo kubahugura, n’ibyo kubahumuriza” (1 Abakorinto 14:3)



Ntabwo tugomba kugarukiriza impano yo guhanura ku kuvuga ibizaba ahazaza. Umumaro w’ibanze w’impano yo guhanura ni ukungura abantu, guhugura no guhumuriza (1 Abakorinto 14:3).


Pawulo agaragaza iyi mpano kurusha izindi (1 Abakorinto 14:1, 4, 22–25). Ariko kandi asaba ko ikoreshwa neza kugira ngo idatera urujijo: “ahubwo byose bikorwe neza kandi muri gahunda” (1 Abakorinto 14:40; reba 1 Abakorinto 14:29–33).



Nk’impano iranga itorero ryasigaye, yagaragaye mu mibereho n’umurimo wa Ellen G. White (Ibyahishuwe 12:17; 19:10). Ariko se twamenya dute umuhanuzi nyakuri?



Ibyavuzwe kuzaba mu gihe kizaza—niba bidafite ikigombero—bigomba kubaho (Gutegeka 18:22; Yereimiya 28:8–9; Yona 4:2)



Ubutumwa bwe bugomba kuba buhuye n’ubw’abahanuzi babanje (Gutegeka 13:1–3; Yesaya 8:20)



Agomba guhamya kwigira umuntu kwa Yesu (1 Yohana 4:1–3)



Imibereho ye igomba kuba ijyanye n’ubutumwa bwo muri Bibiliya yigisha (Matayo 7:15–20)

“Mu bintu byose Imana yeteguriye umwana w’umuntu, nta gihebuje nk’umugambi wayo wo guha abagabo n’abagore impano zitandukanye. Itorero ni umurima wayo, yashyizemo ibiwurimbisha bigizwe n’ibiti by’amoko atandukanye, ibindi bimera n’uburabyo. Ntabwo Imana ishaka cyangwa iteze ko agati ka ezobu kangana n’igiti cy’isederi, cyangwa se ko umwerayo wakura ngo ugere mu bushorishori bw’umukindo mwiza cyane. Abantu benshi si ko bahawe amahugurwa ahagije mu by’iyobokamana n’ubuhanga bwigirwa mu ishuri, ariko Imana ifite umurimo ishaka gukoresha abantu bari muri urwo rwego nibaramuka bemeye kwicisha bugufi no kuyizera...”

“Abantu batandukanye bahabwa impano zitari zimwe, kugira ngo abakozi bumve ko bakeneranye. Imana ni Yo itanga izi mpano, kandi zikoreshwa mu murimo wayo, ntabwo zihesha icyubahiro uzifite, ntabwo zerereza umuntu, ahubwo zerereza Umucunguzi w’isi. Zigomba gukoreshwa kubwo kungura inyokomuntu yose, mu kugaragaza ukuri, aho gushyigikira ikinyoma.”

E.G. White, Ye Shall Receive Power, July 1